REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KAMENA 2020

10 Nyakanga 2020

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KAMENA 2020

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2020. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 9% mu kwezi gushize kwa Kamena 2020 ugereranyije na Kamena 2019.Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa Gatanu (Gicurasi 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 9,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 9% mu kwezi kwa Kamena ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 11,2%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 21,7%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 4,8% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 23,2%.

Iyo ugereranyije Kamena 2020 na Kamena 2019, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 7,3%.

Wagereranya ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2020) n'ukwezi kwa Gatanu (Gicurasi 2020), ibiciro byagabanutseho 0,2%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 0,6% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 0,5%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Kamena 2020, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 11,2% ugereranyije na Kamena 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa Gatanu (Gicurasi 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 10,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 11,2% mu kwezi kwa Kamena ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 15,7%, ibiciro by'ibinyobwa

bisembuye n’itabi byazamutseho 22,7% n’ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byazamutseho 23,6%.

Ugereranyije ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2020) n’ukwezi kwa Gatanu (Gicurasi 2020) ibiciro byazamutseho 0,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,9%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Kamena 2020 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 10,3% ugereranyije na Kamena 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry’ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa Gatanu (Gicurasi 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 9,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 10,3% mu kwezi kwa Kamena 2020 ni ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 14,3%, ibiciro by’ibinyobwa bisembuye n’itabi byazamutseho 22,4% n’ibiciro by’ibijyanye n’ubwikorezi byazamutseho 23,3%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2020) n’ukwezi kwa Gatanu (Gicurasi 2020) ibiciro byazamutseho 0,2%. Iri zamuka ahanini ryatewe n’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,4%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y’ihindagurika ry’ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2019 kugeza muri Kamena 2020.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2019 kugeza muri Kamena 2020**
***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije***

| | 2019 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 2020 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 3,1 | 4,4 | 6,9 | 6,7 | 7,3 | 8,7 | 8,5 | 8,0 | 9,2 | 9,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 0,9 | 1,3 | 3,2 | 5,8 | 9,2 | 15,5 | 15,8 | 14,6 | 17,1 | 16,5 | 11,7 | 10,5 | 11,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 0,9 | 1,6 | 2,8 | 4,6 | 7,2 | 11,8 | 11,9 | 11,5 | 13,5 | 13,1 | 10,1 | 9,9 | 10,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,0 | 0,0 | 0,9 | 0,9 | 0,6 | 1,9 | -0,3 | 0,6 | 1,6 | 1,0 | -0,2 | 2,0 | -0,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -0,1 | -0,2 | 2,5 | 2,2 | 1,9 | 5,2 | -1,1 | -1,1 | 1,8 | 2,5 | -3,0 | -0,3 | 0,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -0,1 | -0,1 | 1,8 | 1,6 | 1,4 | 3,8 | -0,8 | -0,4 | 1,7 | 1,9 | -1,8 | 0,7 | 0,2 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw